Gahunda zose zipima izi ngero zose igihe zishyizeho umurongo ngenderwaho. Uburyo bwiza kandi buboneye bwo gukora ibi ni ukugena inyungu ivanguye—hashingiwe ku ndangagaciro za gahunda n’intego—kuri buri buryo bune bushoboka ku byavuye mu irasantego kandi ugahitamo umurongo ngenderwaho uzatuma wongera inyungu itavanguye (Adams na Hand, 2000; Hoadley na Oliver, 1998).

Ishusho ya 10 irerekana uko ingo zisaranganyijwe hakurikijwe ibyavuye mu irasantego ku Rwanda. Dufashe nk’urugero rw’umurongo ngenderwaho wa 34 cyangwa muni, ibivuyemo ku ijanisha (100%) ry’umurongo w’igihugu mu kugena agaciro k’ibyifashishijwe ni:

- Kwitabwaho: 28.7% biri muni y’umurongo n’irasantego nyakuri
- Kutagerwaho: 11.5% biri muni y’umurongo kandi ku bw’ikosa nta rasantego
- Kugerwaho: 13.2% biri hejuru y’umurongo kandi ku bw’ikosa habaye irasantego
- Kutitabwaho: 46.6% biri hejuru y’umurongo kandi mu by’ukuri nta rasantego

Kongera umurongo ngenderwaho kuri 39 cyangwa muni byongera kwitabwaho

no kutagerwaho ariko ku makosa yo kugerwaho no kutitabwaho:

- Kwitabwaho: 33.4% biri muni y'umurongo n'irasantego nyakuri
- Kutagerwaho: 6.8% biri muni y'umurongo kandi ku bw'ikosa nta rasantego
- Kugerwaho: 20.7% biri hejuru y'umurongo kandi ku bw'ikosa habaye irasantego
- Kutitabwaho: 39.1% biri hejuru y'umurongo kandi mu by'ukuri nta rasantego

Ni uwuhe murongo ngenderwaho watoranywa bishingiye ku nyungu yose

ivanguye. Niba ibyavuye muri buri rasantego bifite inyungu kuri buri rugo cyangwa

icyo birusaba, icyo gihe inyungu ivanguye ku murongo ngenderwaho runaka ni:

| | |
|--|---|
| Inyungu ku rugo koko rwitaweho | x Ingo koko zitaweho – |
| Ibyakoreshejwe n'urugo ku bw'ikosa rutagezweho | x Ingo ku bw'ikosa zitigeze zigerwaho – |
| Ibyakoreshejwe n'urugo ku bw'ikosa rwitaweho | x Ingo zitaweho ku bw'ikosa + |
| Inyungu ku rugo rutitaweho by'ukuri | x Ingo zititaweho by'ukuri |

Mu gushyiraho umurongo ngenderwaho mu buryo bukwiye, gahunga igomba:

- Gushyiraho inyungu n'ibizakoreshwa ku musaruro ushoboka, hashingiwe ku ndangagaciro n'itego
- Guteranya buri nyungu ivanguye kuri buri murongo ngenderwaho hakoreshejwe ishusho ya 10 ku murongo w'ubukene runaka
- Guhitamo umurongo ngenderwaho hamwe n'inyungu yose ishoboka ivanguye

Intambwe ikomeye cyane ni ukugena inyungu n'ibizakoreshwa ku musaruro w'irasantego. Gahunda ikoresha irasantego—hamwe cyangwa se nta byiciro—igomba kwibanda cyane cyane ku buryo iha agaciro kwitabwaho no kutitabwaho ugereranije n'udukosa two kutagerwaho no kugerwaho. Ni iby'igiciro gukurikiza inzira yo gutekereza mu nzira zisobanutse kandi zigambiriwe ku buryo bw'igenagaciro k'umusaruro w'irasantego.

Guhitamo inyungu rusange n'ibikoreshwa ni "ijanisha rikubita", aho inyungu yose ivanguye ari umubare w'ingo zitaweho koko cyangwa izitaritaweho by'ukuri:

| | | | | |
|---------------------|---|---|--------------------------------------|---|
| Ijanisha rikubita = | 1 | x | Ingo koko rwitaweho | - |
| | 0 | x | Ingo kubw'amakosa zitigeze zigerwaho | - |
| | 0 | x | Ingo zagezweho kubw'amakosa | + |
| | 1 | x | Ingo koko zitataweho. | |

Ishusho rya 10 riragaragaza ijanisha rikubita ku mirongo ngenderwaho ku ikarita y'ibyiciro bishya 2010/11 ku Rwanda. Ku ijanisha ry'100% ry'umurongo w'igihugu mu igenagaciro ry'ifatizo, inyungu yose ivanguye ni agahebuzo (75.4) ku murongo ngenderwaho wa 34 cyangwa muni, hamwe na ugereraniye bitatu bya kane by'ingo mu Rwanda zatoranijwe by'ukuri.

Ijanisha rikubita ripima uburyo kwitabwaho kw'ingo muni y'umurongo ndetse n'uburyo bwo kutitabwaho kw'ingo hejuru y'umurongo. Niba gahunda igena agaciro k'ubwitabwaho bwo hejuru (twavuga, inshuro ebyiri hejuru) ugereraniye n'ukutitabwaho, icyo gihe ishobora kugaragaza ibi igena inyungu yo kwitabwaho kuri 2 n'inyungu yo kutitabwaho kuri 1. Na none umurongo ngenderwaho watoranijwe uziyongera (2 x ingo koko zitaweho) + (1 x ingo koko zitataweho).²⁷

Nk'ubundi buryo bwo kugena inyungu n'ibikoreshwa ku musaruro w'irasantego ndetse no guhitamo umurongo ngenderwaho wo kongera inyungu yose ivanguye, gahunda igomba gushyiraho umurongo ngenderwaho wo kugera ku ijanisha ry'ubukene ryifuzwa muri buri ngo zatoranijwe. Umurongo wa 3 w'ishusho rya 11 ("%" rirasa intego

²⁷ Ishusho ya 10 nayo itanga BPAC, ibishingirwaho mu miterere y'ubukene bugeranyije yakoreshejwe na USAID mu kwemeza ikarita y'icyiciro y'ubukene. BPAC yavuzweho birambuye mu gice cya 9.

ingo zikennye'') rirerekana, ku Rwanda ikarita y'ibyiciro yakoreshejwe ku igena gaciro ku byakoreweho ubushakashatsi, ijanisha ry'ubukene riteganijwe mu ngo ziri ku cyiciro cyangwa hasi y'umurongo ngenderwaho runaka. Nk'urugero rw'100% ku murongo w'igihugu, kwibanda ku ngo zakoreweho ubushakashatsi zifite icyiciro cya 34 cyangwa muni zishobora kugera kuri 41.9 ku ijana by'ingo zose (umurongo wa 2) kandi zikaba zishobora kujya hamwe n'ijanisha ry'ubukene mu ngo zagejeje kuri 68.5 ku ijana (umurongo wa 3).

Ishusho rya 11 kandi rigaragaza izindi ngero ebyiri z'irasantego riboneye. Urwa mbere ni ukugerwaho ("% ingo zikennye zagezweho"). Nk'urugero rw'100% ry'umurongo w'igihugu hamwe n'igenagaciro z'ibyakorewe ubushakashatsi n'umurongo ngenderwaho wa 34 cyangwa muni, 75.7 ku ijana by'ingo zikennye zagezweho.

Urugero rw'irasantego rya nyuma mu ishusho rya 11 ni umubare w'imigendekere myiza y'ingo zikennye kuri buri rugo rudakennye rwagezweho ku ikosa (umurongo w'ahagana iburyo). Ku ijanisha ry'100% ku murongo w'igihugu ku igenagaciro ry'ibyakoreshejwe mu bushakashatsi n'umurong ngenderwaho wa 34 cyangwa muni, ukagera kuri 2.0 by'ingo zikennye bisobanuye kugera ku rugo 1 rudakennye.

9. Ibigize ikarita y'icyiciro cy'ubukene mu Rwanda

Iki gice kiribanda ku bikoresho 2 by'ikarita y'icyiciro cy'ubukene mu Rwanda hashingiwe ku bitego, uburyo, icyo ubukene aricyo, amakuru, ibipimo, ukubogama, guhamya, n'ikiguzi. Muri rusange, akamaro k'ikarita y'icyiciro cy'ubukene ni aka:

- Gukoresha amakuru aturutse mu bushakashatsi ku rwego rw'igihugu kw'ikoreshwa ry'amafaranga
- Gukoresha igisobanuro cy'ubukene gishingiye ku ikoreshwa ry'amafaranga nibyo byumvwa neza kandi bikoreshwa na guverinoma y'u Rwanda
- Kugaragaza ibogama n'ubuhamya bw'ijanisha ry'ubukene ku rugero mu gihe ruva ku byakoreshejwe mu bushakashatsi, hakubiyemo n'amategeko y'amakosa akunze kugaragara
- Kwibanda ku buryo bukwiye kandi busa n'izindi nzira zishoboka
- Imishobokere ya gahunda zo mu cyaro ndetse n'izirebana n'ubukene, hashingiwe ku bworohere no gukorera mu mucyo

9.1 Gwatkin n'abo bafatanyije

Gwatkin n'abo bafatanyije (2007) bubatse ikarita y'ibyiciro mu Rwanda bakoresheje uburyo bukoreshwa mu bihugu 56 hakoreshejwe ubushakashatsi bw'imiturire n'ubuzima (Rutstein na Johnson, 2004). Bakoresha isesengura ry'ibintu by'ingenzi kugira ngo bakore ibyoroshye byagenderwaho, ibipimo bihendutse bibomeka mu ngo 9,696 mu Rwanda muri 2003 DHS.²⁸ Igipimo cy'isesengura ry'ibintu ni nk'ikarita y'icyiciro uretse kom bitewe DHS idashaka amakuru y'imikoreshereze y'amafaranga, igipimo gishingiye ku ndorerwamo ubukene bureberwamo, ukugaragara

²⁸ DHS z'amakuru yose ku Rwanda kuva mu w'2000 zifite buri cyiciro cy'ingo mu incamake y'ibikoresho. (dhsprogram.com/topics/wealth-index/, yasuwe kuwa 7 Nyakanga 2015).

kwabwo ugereraniye n’uko ubukene bushingiye ku ikoreshwa ry’amafaranga butazwi, kandi bikaba byafatwa nk’igitangaza ku miterere²⁹ y’ubukungu. Ingero zizwi cyane z’igipimo cy’isesengura ry’ibintu by’ingenzi uburyo zikoresha bugizwe na Stifel na Christiaensen (2007), Zeller n’abo bafatanyije (2006), Sahn na Stifel (2003 na 2000), Henry n’abo bafatanyije (2003), na Filmer na Pritchett (2001).

Ibipimo 12 muri Gwatkin n’abo bafatanyije ni kimwe n’ibyo mu ikarita y’icyiciro cy’ubukene cyoroheje hakurikijwe ubworohe, igiciro gito, n’uko kigenzurwa:

- Ibiranga icumbi:
 - Kuba hari amashanyarazi
 - Ubwoko bw’igorofa
 - Ubwoko bw’ibitekeshwa
 - Isoko y’amazi yo kunywa
 - Ubwoko bw’ubwiherero
- Nyir’ibintu bikoreshwa mu buzima bwa buri muni:
 - Radiyo
 - Televiziyo
 - Telefoni
 - Frigo
 - Amagare
 - Amapikipiki
 - Imodoka cyangwa amakamyoy

²⁹ Nyamara kandi, ibipimo bisa n’“Igipimo cyo hejuru (flat maximum)” ni ingenzi, bityo ibipimo bya PCA byubakanywe ubushishozi n’ikarita y’icyiciro cy’ubukene ishingiyeye ku mibereho bishobora gufata ishusho isa n’ibisanzwe (birashoboka “ibyinjira bihoraho”, reba Bollen, Glanville, na Stecklov, 2007), binashobora gushyira ku nzego ingo mu buryo bumwe. Amagereranya yo gushyira ku nzego bikorewe ku bipimo bya PCA n’amakarita y’icyiciro cy’ubukene yubakiye ku mibereho arimo Filmer and Scott (2012), Lindelow (2006), Wagstaff na Watanabe (2003), na Montgomery n’abo bafatanyije (2000).

Gwatkin n’abo bafatanyije atanga ubundi buryo 3 bukoreshwa ku bipimo:

- Kugabanya ingo hakurikijwe ibyiciro kugira ngo harebwe uko ubuzima buhinduka mu rwego rw’imibereho n’ubukungu
- Gukurikirana (binyuze mu bushakashatsi) uko serivisi z’ubuzima zigera ku bakene
- Gupima uko serivisi z’ubuzima zigera ku baturage biciye mu bushakashatsi buto buto

Igitego cya mbere nicyo gishingiye ku irasantego, naho ibya nyuma bibiri byibanda cyane ku migendekere myiza y’ikurikiranabikorwa, ku bw’ibyo igipimo gikwiye gukoreshwa cyane hano ku ikarita y’icyiciro cy’ubukene.

Ikindi kandi, igipimo cya Bwana Gwatkin n’abo bafatanyije kirahenze cyane kandi kiragoye gukoresha kurusha ikarita y’icyiciro cy’ubukene. Mu gihe ikarita y’icyiciro cy’ubukene ikenera kongerwaho imibare igera ku 10 (imwe muriyo ikaba ari amazeru), igipimo cya Bwana Gwatkin n’abo bafatanyije cyo gikenera gukoresha imibare igera kuri 82, buri wose ufite ibice bigera kuri bitanu inyuma y’akitso n’igice gifite ikimenyetso cyo gukuramo.

Bitandukanye n’igipimo gisanzwe, hano ikarita y’icyiciro cy’ubukene ihuzwa ako kanya n’umurongo w’ubukene ushingiyeye ku bikoreshwa. Ku bw’ibyo, ubu buryo bwombi bushobora gukoreshwa mu gushyira ingo mu byiciro, gusa ikarita y’icyiciro cy’ubukene niyo yonyine yerekana ibyakoreshejwe hashingiye ku miterere y’ubukene.

Mu by’ukuri, Bwana Gwatkin n’abo bafatanyije—akunda ibipimo byose—kandi agasobanura ubukene akoresheje ibirango n’ingingo muri buri gipimo ubwacyo. Hanyuma, igipimo ntabwo ari kamara ku guhagararira ikindi kintu (nk’imikoreshereze y’amafaranga); ahubwo, ni urugero rugaragara rw’igisobanuro cy’ubukene budashingiye

ku kutakoresha amafaranga. Ntabwo ari ukubeshya—kandi ni ukuri—dusobanuye ubukene muri ubu buryo, ariko ntabwo ar muri rusange igisobanuro gishingiye ku mikoreshereze y’amafaranga.

Uburyo bw’igipimo cy’igikoresho busobanura abantu nk’abakene iyo ibikoresho byabo (bifatika, abantu, imari, n’imibanire) bigwa muni y’igipimo. Ibisonuro ku bikoresho bishingiye ku buryo tubona amajyambere biri mu bitabo bya Bwana Carter na Barrett (2006), Schreiner na Sherraden (2006), Sahn na Stifel (2003), na Sherraden (1991).

Inyungu z’ingenzi z’ibipimo by’ibikoresho bishingiye kuko tubona ibintu ni:

- Nyir’igikoresho aba agaragara kandi birorohye gupima uko gokoreshwa
- Kugera ku mutungo mu gihe kirekire—kandi ubushobozi bwo kubyara inyungu no gukoreshwa—bushingira ku buryo gicungwa
- Ibikoresho bigera ku bushobozi ako kanya, ikinyuranyo kiri hagati, tuvuge, “Ese amafaranga yinjira atuma habaho ubuzima bwiza?” ugereranije “Ese ubwiherero bumena mu cyobo cyabugenewe?”

Mu gihe uko tubona igikoresho n’inyungu/imikoreshereze bihabanye, ariko usanga bifatanye. Nyuma y’ibyo byose rero, inyungu/imikoreshereze ni ibigaragaza uko umutungo zinjiye/wakoreshejwe mu ikoreshwa rw’ibikoresho bitunzwe. Iyi mibonere yombi ni inyoroshyo y’ibipimo byo hasi—bitewe n’aho imikorere igarukira ku bisobanuro n’ingero—y’ibipimo byo hejuru n’uko umusaruro uva mu mibereho myiza y’umuntu ufatwa ku buryo bwuzuye.

9.2 Ikigo IRIS

USAID yahaye inshingano Ikigo IRIS (2011) zo gukora ikarita y'icyiciro cy'ubukene (yitwa "Igikoresho cyo gupima ubukene" cyangwa PAT) kugira ngo Ibigo bito by'abafatanyabikorwa babo mu Rwanda bashobore gutanga raporo y'abo bita "abakene cyane" (muri 2005–2006, muni y'Idolari 1.25/ku muni 2005 PPP). Muri rusange, PAT ku Rwanda ni nk'ikarita y'icyiciro cy'ubukene yoroheje, uretse ko:

- Ikurikirana uburyo bw'ikoreshwa ry'ako kanya kandi igakoresha isano ry'ubukene rya 0 cyangwa 100 ku ijana (aho gukoresha hagati ya 0 n'100)
- Ikoresha ibyavuye mu bushakashatsi bushaje bwa EICV (2005–2006 aho gukoresha 2010–2011)
- Ifite ibirango byinshi (17 aho kuba 10)
- Ntigaragaza amakosa akunze kubaho

Igikoresho cyo gupima ubukene gishimangira imirongo itanu y'ubukene 2005 PPP:

- \$0.75/ku muni
- \$1.00/ku muni
- \$1.25/ku muni
- \$2.00/ku muni
- \$2.50/ku muni

IRIS ipima mu buryo bune bw'igabanuka mu nzego zombi rumwe cyangwa ebyiri (IRIS, 2005), ishingira ku buryo bumwe bw'igabanuka rigaragaza ijanisha rya 64 rya logaritime kuri buri mikoreshereze y'urugo. Ikoresha ibirango 17 (IRIS, 2011) byoroshye kandi bishobora gusuzumwa:

- Imiturire:
 - Ingano y'urugo (n'ubuso bwarwo)
 - Imyaka ya nyir'urugo (n'ibiro bye)
 - Uruhare rwa buri muntu ufite imyaka 5 cyangwa se ukiri muto
- Niba nyir'urugo yarize
- Niba nyir'urugo afite akazi
- Ibiranga urugo:
 - Ubwoko bw'igorofa
 - Ubwoko bw'igisenge
 - Ubwoko bw'ubwiherero
 - Ubwoko bw'ibitekeshwa
 - Inkomoko y'amashanyarazi
 - Umubare w'ibyumba
- Nyir'ibintu bikorehwa mu rugo :
 - Umubare wa radiyo cyangwa icyuma gikoreha kaseti
 - Umubare w'amagare
 - Umubare w'amasuka n'ibitiyo
 - Amatungo
- Aho biherereye :
 - Akarere
 - Umujyi/icyaro

Schreiner (2014) agaragaza amapome kuri pome muri raporo ya IRIS (2011)

ugereraniye na Schreiner (2010a).³⁰ Ibyavuye mu byakoreshejwe mu bushakashatsi, PAT ifite ukubogama guto (1.00 ku ijana ugereraniye 0.77 ku ijana amanota y'ikarita

³⁰ Schreiner (2010a) akosora uguta agaciro kutari ko kw'igikuba PPP 2005 kwa IRIS kandi agashyira ku murongo ibihuye n'ukuri kugira ngo ahuze ijanisha ry'ubukene ry'idolari 1.25 ku munsu byatangajwe na IRIS.

y'icyiciro).³¹ Ku irasantego, PAT igaragaza 0.2 ku bantu hejuru y'100 by'ukuri bakoresha ikarita y'icyiciro. Ku bw'ibyo rero, mu buryo bukwiye, PAT n'ikarita y'icyiciro nabyo biri kumwe.

IRIS kandi muri raporo ikwiye mu buryo bushingiye ku munzani w'ubukene ugaragara ku buryo bukwiye. Ikigo IRIS (2005) cyashyizeho BPAC, kandi USAID yarayemeje nk'igipimo cyo kwemeza ibikoresho byo gupima ubukene bikoreshwa mu bigo bito by'abafatanyabikorwa. BPAC ibona ku buryo bukwiye mu buryo bwo kwitaho ndetse no mu buryo bw'itandukaniro risesuye hagati yo kutagerwaho no kugerwaho (ibyoy, hashingiwe ku buryo bwa PAT, bungana n'agaciro gasesuye k'ububogame bw'ijanisha ry'ubukene bwemejwe).

Uko bibarwa ni:

$$BPAC = 100 \cdot \left(\frac{Ibirimo - | Ukudakwira - Icyayobi |}{Ibirimo + Ukudakwira} \right).$$

Bitewe n'ukubogama (mu buryo bwa PAT) ni ikinyuranyo hagati y'ukutagerwaho n'ukugerwaho, kandi bitewe no kwita ku buziranenge

$\frac{100}{Ibirimo + Ukudakwira}$ bizakenerwa gusa igihe hagereranywa ikarita z'ibyiciro

ugereranyije n'abaturage hamwe n'ijanisha ry'ubukene ritandukanye (ariko binyuranye no guhitamo mu makarita y'ibyiciro ku gihugu runaka mu mwaka runaka ku murongo w'ubukene runaka), Umubare woroshye ni $BPAC = Ibirimo - | Ikosa |$ ishyira amakarita y'ibyiciro nk'imibare ihambaye.

³¹ Mu gihe ikosa rizwi, rishobora gukurwaho, bityo PAT n'ikarita y'icyiciro byombi nta makosa bigira.

Mu gusobanura BPAC nka Ibirimo– | Ikosa | ifasha kugaragaza impamvu BPAC ntabwo ifasha mu kugereranya PAT n’ikarita y’icyiciro yoroheje (Schreiner, 2014). Hashingiwe ku byavuzwe hejuru muri iyi nyandiko³², ikarita y’icyiciro yoroheje ikora igereranya ritabogamye ry’iajanisha ry’ubukene, hatitawe ku kutagerwaho bitandukanye no kugerwaho. Mu gihe BPAC ishobora gukoreshwa mu kugereranya uburyo bwose bw’amakarita y’ibyiciro abantu bakoresha uburyo bw’igereranya ry’imikoreshereze y’amafaranga, ntabwo bisobanutse neza gukoresha BPAC ku igereranya ry’ingo rikoresha ikarita y’icyiciro cy’ubukene. Ni ukubera iyi mpamvu ikarita y’ubukene idakoresha umurongo ngenderwaho wo gushyira mu byiciro ingo nk’100% bakennye cyangwa 0% bakennye. Ariko, ingo zifite isano y’ubukene buri hagati ya 0 kugeza ku 100%. Niba ukoresha ikarita y’icyiciro cy’ubukene ashyizeho umurongo ngenderwaho, icyo gihe ibibazo bigendanye nabyo bireba gusa irasantego, kandi bikaba bidashobora guhungabanya amajanisha y’ubukene yagaragajwe na rimwe.

N’ubwo IRIS itanga raporo za PAT z’irasantego rikwiye kandi n’ubwo umubare wa BPAC ugaragaza irasantego rikwiye, IRIS ivuga ko PAT yakagombye kuba ikoresha ku irasantego.³³

IRIS kandi ishidikanya ko PAT yabashobora kugira umumaro mu kubara impinduka, yemeza ko “ntabwo bigaragara neza ko ibikoresho bizakoresha mu kugaragaza impinduka nyakuri mu bukene mu gihe runaka kubera amakosa

³² Ukutagira amakosa kwa PAT—cyangwa kw’indi karita y’icyiciro iyo ari yo yose—nako gusaba igenekereza.

³³ povertytools.org/faq/faq.html#11, byafashwe kuwa 19 Gashyantare 2009.

bigendanye. Uretse ko impinduka mu ijanisha ry'ubukene ziri ku rugero rudasanzwe kandi n'ibikoresho bikaba bidakwiye ubusanzwe, icyo gihe impinduka zagaragajwe ziba ziri mu murongo w'ikosa.’³⁴

Bihabanye, irasantego n'igereranya ry'impinduka mu gihe runaka bishoboka gukoreshwa igihe bishyigikiwe n'ikarita y'icyiciro cy'ubukene yoroheje. By'umwihariko, iyi nyandiko igaragaza irasantego rikwiye ku barikoresha bashaka gufata ibyemezo ubwabo igihe bashyira mu byiciro barasa ku ntego ku buryo bunoze ku mpamvu zabo.

³⁴ povertytools.org/faq/faq2.html, byafashwe kuwa 7 Ukuboza 2012.

10. Umwanzuro

Gahunda zishingiye ku bukene mu Rwanda zishobora gukoresha ikarita y'icyiciro cy'ubukene yoroheje mu gushyira abakiliya mu byiciro hagamijwe serivisi zirashe ku ntego kandi hakagereranywa:

- Isano iri hagati y'ibikoreshwa n'urugo muni y'umurongo w'ubukene runaka
- Ijanisha ry'ubukene ku itsinda ry'ingo ku kintu no mu gihe runaka
- Impinduka mu ijanisha ry'ubukene ku itsinda ry'ingo mu gihe kirekire³⁵

Ikarita y'icyiciro nshya hano—ishingiye ku byavuye mu bushakashatsi 2010–2011 EICV—isimbuye ikarita y'icyiciro ishaje—hashingiwe ku byavuye mu bushakashatsi 2005–2006—muri Shreiner (2010a). Ikarita nshya rero igomba gukoreshwa kuva ubu. Ikarita nshya n'ishaje zizashingira ku gisobanuro kimwe cy'ubukene, ariko abazikoresha boshobora gupima impinduka igihe cyose bifashishije umurongo kuva ku ikarita ishaje no gukurikirana ku ikarita nshya.

Ikarita y'icyiciro ntabwo igoye gukoreshwa kandi ishobora kumvikana no kubatari inzobere. Yakozwe ku buryo bworoheye umuntu wo mu cyaro, imiryango yita ku bukene mu Rwanda ishaka kuvugurura uburyo bakurikirana kandi bacunga imigendekere myiza y'imibereho.

Ikarita y'icyiciro yubatswe hakurikijwe ibyavuye mu bushakashatsi 2010–2011 EICV, igaragaza imirongo 10 y'ubukene, kandi yapimwe hakoreshejwe igice cy'ibyavuye mu bushakashatsi 2010–2011 EICV. Kubogama no guhamya neza bigaragazwa ku igereranya ry'isano y'ubukene bw'ingo n'igereranya ry'amajanja y'ubukene

³⁵ Ibyemejwe ku ikarita y'icyiciro ku mpinduka si ngombwa ko biba ibyemejwe ku ngaruka za gahunda.

bw'amatsinda ku kintu runaka mu gihe runaka. Hagaragazwa kandi niba irasantego rikwiye.

Igihe ikarita y'icyiciro ikoreshwa mu guha agaciro ibyakoreshejwe mu bushakashatsi, ikinyuranyo cyo hejuru hagati y'igereranya n'amajanisha nyakuri y'ubukene ku matsinda y'ingo ku kintu runaka mu gihe runaka ni 2.2 ku ijana. Impuzandengo yo hejuru y'ukubogama ku mirongo 10 y'ubukene iri hafi ya 1.1 ku ijana. Ukutabogama kugereranyije gushobora kuba ukuyemo ukubogama kuzwi ku murongo w'ubukene runaka mu byagereranyijwe by'umwimerere.

Nka $n = 16,384$ na 90 ku ijana yizewe, gihamya y'ikinyuranyo ni ± 0.8 ku ijana cyangwa birenze.

Niba ikigo gishaka gukoresha ikarita y'icyiciro ku irasantego, icyo gihe ibizavamo bitanga amakuru yo guhitamo umurongo ngenderwaho ubereye indangagaciro zawo n'intego.

N'ubwo tekini z'ibarurishamibare ari nshya, kandi ububonere bwazo akaba ari ingenzi cyane, gukora ikarita y'icyiciro bishingira ku gukorera mu mucyo no kuba yoroshye gukoreshwa. Nyuma y'ibyo byose, ububonere buba bubu iyo ikigo cyumva kandi cyibona ko gukoresha ikarita y'icyiciro bivunanye cyangwa iyo kuyikoresha kidashatse kuyikoresha gusa.

Kubera iyi mpamvu, ikarita y'icyiciro cy'ubukene iroroshye gukoreshwa, ikoresha ibirango icumi bidaca ku runde, bihendutse, kandi byoroshye kugenzurwa. Amanota ni amazeru cyangwa imibare nyayo, k'ibyiciro kuva kuri 0 (cyane muni y'umurongo

w'ubukene) kugera ku 100 (gake muni y'umurongo w'ubukene). Ibyiciro bihindurwa mu isano hakoreshejwe imbonerahamwe ntangarugero, umurongo ngenderwaho mu irasantego nawo uroroshye gukurikizwa. Uko ikozwe hageragejwe korohereza ikoreshwa ryayo ku bushake bw'abayobozi b'ibigo ku kumva no kwizera ibyiciro no kwemerera abatabizobereyemo kongeraho ibindi byiciro ku buryo bwihuse bageze aho bakorera.

Mu ncamake, ikarita y'icyiciro cy'ubukene yoroheje ikorera mu mucyo, ni uburyo buhendutse kuri gahunda zita ku bukene mu Rwanda mu kugereranya amajanja y'ubukene bushingiye ku ikoreshwa ry'amafaranga, gushaka impinduka mu majanja y'ubukene mu gihe runaka, na serivise z'irasantego. Ubu buryo kandi ku gihugu icyo aricyo cyose gifite imibare imeze kimwe.

Inyandiko zifashishijwe

- Adams, Niall M.; na David J. Hand. (2000) “Improving the Practice of Classifier Performance Assessment”, *Neural Computation*, Vol. 12, pp. 305–311.
- Baesens, Bart; Van Gestel, Tony; Viaene, Stijn; Stepanova, Maria; Suykens, Johan A.K.; na Jan Vanthienen. (2003) “Benchmarking State-of-the-Art Classification Algorithms for Credit Scoring”, *Journal of the Operational Research Society*, Vol. 54, pp. 627–635.
- Bollen, Kenneth A.; Glanville, Jennifer L.; na Guy Stecklov. (2007) “Socio-Economic Status, Permanent Income, and Fertility: A Latent-Variable Approach”, *Population Studies*, Vol. 61, No. 1, pp. 15–34.
- Caire, Dean. (2004) “Building Credit Scorecards for Small-Business Lending in Developing Markets”, [microfinance.com/English/Papers/Scoring_SMEs_Hybrid.pdf](#), byafashwe kuwa 7 Kamena 2015.
- ; na Mark Schreiner. (2012) “Cross-Tab Weighting for Credit Scorecards in Developing Markets”, [business-school.ed.ac.uk/crc/conferences/conference-archive?a=46055](#), byafashwe kuwa 7 Kamena 2015.
- Camacho, Adriana; na Emily Conover. (2011) “Manipulation of Social-Program Eligibility”, *American Economic Journal: Economic Policy*, Vol. 3, No. 2, pp. 41–65.
- Carter, Michael R.; na Christopher B. Barrett. (2006) “The Economics of Poverty Traps and Persistent Poverty: An Asset-Based Approach”, *Journal of Development Studies*, Vol. 42, No. 2, pp. 178–199.
- Chen, Shiyuan; na Mark Schreiner. (2009) “Simple Poverty Scorecard[®]: Vietnam”, [SimplePovertyScorecard.com/VNM_2006_ENG.pdf](#), byafashwe kuwa 7 Kamena 2015.
- Coady, David; Grosh, Margaret; and John Hoddinott. (2004) *Targeting of Transfers in Developing Countries*, [hdl.handle.net/10986/14902](#), byafashwe kuwa 7 Kamena 2015.
- Cochran, William G. (1977) *Sampling Techniques, Third Edition*.
- Dawes, Robyn M. (1979) “The Robust Beauty of Improper Linear Models in Decision-Making”, *American Psychologist*, Vol. 34, No. 7, pp. 571–582.

- Diamond, Alexis; Gill, Michael; Rebolledo Dellepiane, Miguel Angel; Skoufias, Emmanuel; Vinha, Katja; and Yiqing Xu. (2016) “Estimating Poverty Rates in Target Populations: An Assessment of the Simple Poverty Scorecard[®] and Alternative Approaches”, World Bank Policy Research Working Paper No. 7793, hdl.handle.net/10986/25038, retrieved 11 January 2017.
- Filmer, Deon; na Lant Pritchett. (2001) “Estimating Wealth Effects without Expenditure Data—or Tears: An Application to Educational Enrollments in States of India”, *Demography*, Vol. 38, No. 1, pp. 115–132.
- ; na Kinnon Scott. (2012) “Assessing Asset Indices”, *Demography*, Vol. 49, pp. 359–392.
- Friedman, Jerome H. (1997) “On Bias, Variance, 0–1 Loss, and the Curse-of-Dimensionality”, *Data Mining and Knowledge Discovery*, Vol. 1, pp. 55–77.
- Fuller, Rob. (2006) “Measuring the Poverty of Microfinance Clients in Haiti”, microfinance.com/English/Papers/Scoring_Poverty_Haiti_Fuller.pdf, byafashwe kuwa 7 Kamena 2015.
- Goodman, Leo A.; na Kruskal, William H. (1979) *Measures of Association for Cross Classification*.
- Grosh, Margaret; na Judy L. Baker. (1995) “Proxy-Means Tests for Targeting Social Programs: Simulations and Speculation”, World Bank LSMS Working Paper No. 118, go.worldbank.org/W90WN57PDO, byafashwe kuwa 7 Kamena 2015.
- Gwatkin, Davidson R.; Rutstein, Shea; Johnson, Kiersten; Suliman, Eldaw; Wagstaff, Adam; na Agbessi Amouzou. (2007) “Socio-Economic Differences in Health, Nutrition, and Population: Rwanda”, World Bank Country Reports on HNP and Poverty, go.worldbank.org/T6LCN5A340, byafashwe kuwa 7 Kamena 2015.
- Hammond, Allen L.; Kramer, William J.; Katz, Robert S.; Tran, Julia T.; na Courtland Walker. (2007) *The Next 4 Billion: Market Size and Business Strategy at the Base of the Pyramid*, wri.org/publication/next-4-billion, byafashwe kuwa 7 Kamena 2015.
- Hand, David J. (2006) “Classifier Technology and the Illusion of Progress”, *Statistical Science*, Vol. 22, No. 1, pp. 1–15.

- Haslett, Stephen. (2012) “Practical Guidelines for the Design and Analysis of Sample Surveys for Small-Area Estimation”, *Journal of the Indian Society of Agricultural Statistics*, Vol. 66, No. 1, pp. 203–212.
- Henry, Carla; Sharma, Manohar; Lapenu, Cecile; na Manfred Zeller. (2003) “Microfinance Poverty Assessment Tool”, CGAP Technical Tool No. 5, cgap.org/publications/microfinance-poverty-assessment-tool, byafashwe kuwa 7 Kamena 2015.
- Hoadley, Bruce; na Robert M. Oliver. (1998) “Business Measures of Scorecard Benefit”, *IMA Journal of Mathematics Applied in Business and Industry*, Vol. 9, pp. 55–64.
- IRIS Center. (2011) “Poverty-Assessment Tool Accuracy Submission: USAID/IRIS Tool for Rwanda”, 30 June, povertytools.org/countries/Rwanda/USAID_PAT_Rwanda.pdf, byafashwe kuwa 7 Kamena 2015.
- (2007a) “Manual for the Implementation of USAID Poverty Assessment Tools”, povertytools.org/training_documents/Manuals/USAID_PAT_Manual_Eng.pdf, byafashwe kuwa 7 Kamena 2015.
- (2007b) “Introduction to Sampling for the Implementation of PATs”, povertytools.org/training_documents/Sampling/Introduction_Sampling.ppt, byafashwe kuwa 7 Kamena 2015.
- (2005) “Notes on Assessment and Improvement of Tool Accuracy”, povertytools.org/other_documents/AssessingImproving_Accuracy.pdf, byafashwe kuwa 7 Kamena 2015.
- Johnson, Glenn. (2007) “Lesson 3: Two-Way Tables—Dependent Samples”, onlinecourses.science.psu.edu/stat504/node/96, byafashwe kuwa 7 Kamena 2015.
- Kolesar, Peter; na Janet L. Showers. (1985) “A Robust Credit-Screening Model Using Categorical Data”, *Management Science*, Vol. 31, No. 2, pp. 124–133.
- Lindelow, Magnus. (2006) “Sometimes More Equal Than Others: How Health Inequalities Depend on the Choice of Welfare Indicator”, *Health Economics*, Vol. 15, pp. 263–279.

- Lovie, Alexander D.; na Patricia Lovie. (1986) “The Flat-Maximum Effect and Linear Scoring Models for Prediction”, *Journal of Forecasting*, Vol. 5, pp. 159–168.
- Martinelli, César; na Susan W. Parker. (2007) “Deception and Misreporting in a Social Program”, *Journal of the European Economic Association*, Vol. 4, No. 6, pp. 886–908.
- Matul, Michal; na Sean Kline. (2003) “Scoring Change: Prizma’s Approach to Assessing Poverty”, Microfinance Centre for Central and Eastern Europe and the New Independent States Spotlight Note No. 4, mfc.org.pl/sites/mfc.org.pl/files/spotlight4.PDF, byafashwe kuwa 7 Kamena 2015.
- McKay, Andrew; na Geoffrey Greenwell. (2007) “Methods Used for Poverty Analysis in Rwanda”, 196.44.242.24/eicv/survey0/data/docs/studies/rwanda_poverty_analysis_methodological_note_first_draft.pdf, byafashwe kuwa 7 Kamena 2015.
- McNemar, Quinn. (1947) “Note on the Sampling Error of the Difference between Correlated Proportions or Percentages”, *Psychometrika*, Vol. 17, pp. 153–157.
- Montgomery, Mark; Gagnolati, Michele; Burke, Kathleen A.; and Edmundo Paredes. (2000) “Measuring Living Standards with Proxy Variables”, *Demography*, Vol. 37, No. 2, pp. 155–174.
- Myers, James H.; na Edward W. Forgy. (1963) “The Development of Numerical Credit-Evaluation Systems”, *Journal of the American Statistical Association*, Vol. 58, No. 303, pp. 779–806.
- Narayan, Ambar; na Nobuo Yoshida. (2005) “Proxy-Means Tests for Targeting Welfare Benefits in Sri Lanka”, World Bank Report No. SASPR-7, documents.worldbank.org/curated/en/2005/07/6209268/proxy-means-test-targeting-welfare-benefits-sri-lanka, byafashwe kuwa 7 Kamena 2015.
- National Institute of Statistics of Rwanda. (2012) “The Evolution of Poverty in Rwanda from 2000 to 2011: Results from the Household Surveys (EICV)”, microdata.statistics.gov.rw/index.php/catalog/36/download/205, byafashwe kuwa 7 Kamena 2015.
- Observatoire de la Pauvreté (n.d.) “A Profile of Poverty in Rwanda: An Analysis of the Results of the Household Living Conditions Survey 1999–2001”, http://196.44.242.24/eicv/survey0/data/docs/studies/Profile_of_Poverty_in_Rwanda.pdf, byafashwe kuwa 7 Kamena 2015.

- Onwujekwe, Obinna; Hanson, Kara; na Julia Fox-Rushby. (2006) “Some Indicators of Socio-Economic Status May Not Be Reliable and Use of Indexes with These Data Could Worsen Equity”, *Health Economics*, Vol. 15, pp. 639–644.
- Ravallion, Martin; na Benu Bidani (1994) “How Robust is a Poverty Profile?”, *World Bank Economic Review*, Vol. 8, No. 1, pp. 75–102.
- Rutstein, Shea Oscar; na Kiersten Johnson. (2004) “The DHS Wealth Index”, DHS Comparative Reports No. 6, measuredhs.com/pubs/pdf/CR6/CR6.pdf, byafashwe kuwa 7 Kamena 2015.
- Sahn, David E.; na David Stifel. (2003) “Exploring Alternative Measures of Welfare in the Absence of Expenditure Data”, *Review of Income and Wealth*, Series 49, No. 4, pp. 463–489.
- (2000) “Poverty Comparisons over Time and across Countries in Africa”, *World Development*, Vol. 28, No. 12, pp. 2123–2155.
- SAS Institute Inc. (2004) “The LOGISTIC Procedure: Rank Correlation of Observed Responses and Predicted Probabilities”, in *SAS/STAT User’s Guide, Version 9*, support.sas.com/documentation/cdl/en/statug/63033/HTML/default/viewer.htm#statug_logistic_sect035.htm, byafashwe kuwa 7 Kamena 2015.
- Schreiner, Mark. (2015a) “The Process of Poverty-Scoring Analysis”, SimplePovertyScorecard.com/Process_Poverty_Scoring_Analysis.pdf, byafashwe kuwa 7 Kamena 2015.
- (2015b) “Simple Poverty Scorecard[®]: Ghana”, SimplePovertyScorecard.com/GHA_2012_ENG.pdf, byafashwe kuwa 7 Kamena 2015.
- (2015c) “Simple Poverty Scorecard[®]: Cambodia”, SimplePovertyScorecard.com/KHM_2011_ENG.pdf, byafashwe kuwa 7 Kamena 2015.
- (2014) “How Do the Simple Poverty Scorecard[®] and the PAT Differ?”, microfinance.com/English/Papers/Scorecard_versus_PAT.pdf, byafashwe kuwa 7 Kamena 2015.
- (2013a) “Simple Poverty Scorecard[®]: Bangladesh”, SimplePovertyScorecard.com/BGD_2010_ENG.pdf, byafashwe kuwa 7 Kamena 2015.
- (2013b) “Simple Poverty Scorecard[®]: Nicaragua”, SimplePovertyScorecard.com/NIC_2009_ENG.pdf, byafashwe kuwa 7 Kamena 2015.

- (2012a) “An Expert-Based Poverty Scorecard for Rural China”, microfinance.com/English/Papers/Scoring_Poverty_China_EN.pdf, byafashwe kuwa 7 Kamena 2015.
- (2012b) “Simple Poverty Scorecard[®]: Colombia”, SimplePovertyScorecard.com/COL_2009_ENG.pdf, byafashwe kuwa 7 Kamena 2015.
- (2012c) “Simple Poverty Scorecard[®]: Peru”, SimplePovertyScorecard.com/PER_2010_ENG.pdf, retrieved 7 July 2015.
- (2010a) “Simple Poverty Scorecard[®]: Rwanda”, SimplePovertyScorecard.com/RWA_2005_ENG.pdf, byafashwe kuwa 7 Kamena 2015.
- (2010b) “Simple Poverty Scorecard[®]: Honduras”, SimplePovertyScorecard.com/HND_2007_ENG.pdf, byafashwe kuwa 7 Kamena 2015.
- (2009a) “Simple Poverty Scorecard[®]: Philippines”, SimplePovertyScorecard.com/PHL_2009_ENG.pdf, byafashwe kuwa 7 Kamena 2015.
- (2009b) “Simple Poverty Scorecard[®]: Pakistan”, SimplePovertyScorecard.com/PAK_2005_ENG.pdf, byafashwe kuwa 7 Kamena 2015.
- (2009c) “Simple Poverty Scorecard[®]: Bolivia”, SimplePovertyScorecard.com/BOL_2007_ENG.pdf, byafashwe kuwa 7 Kamena 2015.
- (2009d) “Simple Poverty Scorecard[®]: Mexico”, SimplePovertyScorecard.com/MEX_2008_ENG.pdf, byafashwe kuwa 7 Kamena 2015.
- (2009e) “Simple Poverty Scorecard[®]: Peru”, SimplePovertyScorecard.com/PER_2007_ENG.pdf, byafashwe kuwa 7 Kamena 2015.
- (2008a) “Simple Poverty Scorecard[®]: Peru”, SimplePovertyScorecard.com/PER_2003_ENG.pdf, byafashwe kuwa 7 Kamena 2015.
- (2006) “Is One Simple Poverty Scorecard[®] Enough for India?”, microfinance.com/English/Papers/Scoring_Poverty_India_Segments.pdf, byafashwe kuwa 7 Kamena 2015.

- (2005a) “Índice de Calificación de la Pobreza[®]: México”, SimplePovertyScorecard.com/MEX_2002_SPA.pdf, byafashwe kuwa 7 Kamena 2015.
- (2005b) “IRIS Questions on the Simple Poverty Scorecard[®]”, microfinance.com/English/Papers/Scoring_Poverty_Response_to_IRIS.pdf, byafashwe kuwa 7 Kamena 2015.
- (2002) *Scoring: The Next Breakthrough in Microfinance?* CGAP Occasional Paper No. 7, microfinance.com/English/Papers/Scoring_Breakthrough_CGAP.pdf, byafashwe kuwa 7 Kamena 2015.
- ; Matul, Michal; Pawlak, Ewa; na Sean Kline. (2014) “The Simple Poverty Scorecard[®]: Lessons from a Microlender in Bosnia-Herzegovina”, *Poverty and Public Policy*, Vol. 6, No. 4, pp. 407–428.
- ; na Michael Sherraden. (2006) *Can the Poor Save? Saving and Asset Accumulation in Individual Development Accounts*.
- Sharif, Iffath Anwar. (2009) “Building a Targeting System for Bangladesh Based on Proxy-Means Testing”, World Bank Social Protection Discussion Paper No. 0914, siteresources.worldbank.org/SOCIALPROTECTION/Resources/SP-Discussion-papers/Safety-Nets-DP/0914.pdf, byafashwe kuwa 7 Kamena 2015.
- Sherraden, Michael. (1991) *Assets and the Poor: A New American Welfare Policy*.
- Sillers, Don. (2006) “National and International Poverty Lines: An Overview”, pdf.usaid.gov/pdf_docs/Pnadh069.pdf, byafashwe kuwa 7 Kamena 2015.
- Stifel, David; na Luc Christiaensen. (2007) “Tracking Poverty over Time in the Absence of Comparable Consumption Data”, *World Bank Economic Review*, Vol. 21, No. 2, pp. 317–341.
- Stillwell, William G.; Barron, F. Hutton; na Ward Edwards. (1983) “Evaluating Credit Applications: A Validation of Multi-Attribute Utility-Weight Elicitation Techniques”, *Organizational Behavior and Human Performance*, Vol. 32, pp. 87–108.
- Tarozzi, Alessandro; na Angus Deaton. (2009) “Using Census and Survey Data to Estimate Poverty and Inequality for Small Areas”, *Review of Economics and Statistics*, Vol. 91, No. 4, pp. 773–792.

- Toohig, Jeff. (2008) “PPI Pilot Training Guide”, microfinancegateway.org/sites/default/files/mfg-en-paper-progress-out-of-poverty-index-ppi-pilot-training-mar-2008.pdf, byafashwe kuwa 7 Kamena 2015.
- USAID. (2014) *Microenterprise Results Reporting: Annual Report to Congress, Fiscal Year 2013*, eads.usaid.gov/mrr/publications/ar2013.pdf, byafashwe kuwa 7 Kamena 2015.
- United States Congress. (2004) “Microenterprise Results and Accountability Act of 2004 (HR 3818 RDS)”, Ugushyingo 20, smith4nj.com/laws/108-484.pdf, byafashwe kuwa 7 Kamena 2015.
- Wagstaff, Adam; na Naoko Watanabe. (2003) “What Difference Does the Choice of SES Make in Health-Inequality Measurement?”, *Health Economics*, Vol. 12, No. 10, pp. 885–890.
- Wainer, Howard. (1976) “Estimating Coefficients in Linear Models: It Don’t Make No Nevermind”, *Psychological Bulletin*, Vol. 83, pp. 223–227.
- World Bank. (2012) *Targeting Poor and Vulnerable Households in Indonesia*, documents.worldbank.org/curated/en/2012/01/15879773/targeting-poor-vulnerable-households-indonesia, byafashwe kuwa 7 Kamena 2015.
- Zeller, Manfred. (2004) “Review of Poverty Assessment Tools”, pdf.usaid.gov/pdf_docs/PNADH120.pdf, byafashwe kuwa 7 Kamena 2015.
- ; Sharma, Manohar; Henry, Carla; na Cécile Lapenu. (2006) “An Operational Method for Assessing the Poverty-Outreach Performance of Development Policies and Projects: Results of Case Studies in Africa, Asia, and Latin America”, *World Development*, Vol. 34, No. 3, pp. 446–464.

Amabwiriza yo gukoresha ibirango byo mu mbonerahamwe

Ibikurikira byavuye mu:

Mu kigo cy'igihugu cy'ibarurishamibare mu Rwanda. (2010) *Enumerator Manual for the 2010/11 EICV*, Kigala, [Gitabo]

and

Mu kigo cy'igihugu cy'ibarurishamibare mu Rwanda. (2010) *Enquête Intégrale sur les Conditions de Vie des Ménages: 2010/11*, Kigala, [rw'urutonde rw'ibibaz].

Mu gihe haba hari ikintu kitabonetse ahangaha, byaba ari ubufasha bukeya twabonye bw'umukarani, nkuko byagaragaye mu gikorwa cya “2010/11 EICV”. Ubwo ni uburyo bwakoreshejwe muri *Simple Poverty Scorecard*[®] bushobora kuba butarashyizeho amabwiriza (andi Atari aya mabwiriza) yo gukoreshwa n'abakarani bose b'ibarura. icyaba kitarasobanuwe neza kiri muri aya mabwiriza, twabyita ubufasha buke bw'umukarani w'ibarura.

Amabwiriza rusange

Uzuza imborerahamwe iri hejuru n'inyuma y'urupapuro rwo gukoreraho mbere na mbere, ukurikije amabwiriza ari ku rupapuro inyuma. By'umwihariko, ntubaze ibiri mu birango bya mbere, kabiri na gatatu mu mbonerahamwe ako kanya. Ahubwo koresha amakuru wahanditse ku rupapuro inyuma atuma wandika ibisubizo nyabyo ku kirango cya mbere, kabiri na gatatu.

Ntusomere ibisubizo ubazwa. Ku bindi bitari muri aya mabwiriza soma ikibazo, uhagarare, ubundi utegereze igisubizo. Niba ubazwa ashaka ku umusobanurira birushijesho cyangwa hari aho ashidikanya, musomere ikibazo na none ugerageze kumufasha ugendeye kuri aya mabwiriza, cyangwa wowe, nk'umukarani, ubikore uko bikwiye.

Muri rusange, ushobora kwemera ibisubizo wahawe n'ubazwa. Ariko mu gihe usubiza avuze ibintu bidahura n'ibyo umubajije, usubiza yaba adasanzwe cyangwa usubiza yaba akeneye ubufasha bumwereka ubuntu agomba gusubiza, ubundi ugasubiramo ikibazo ukamuha ubufasha ako ubona bikwiye ugendeye kuri aya mabwiriza.

Mu gihe ibirango hafi ya byose muri (*Simple Poverty Scorecard*[®]) byasuzumwe, ntukeneye gusuzuma ibisubizo kereka mu gihe hari ibyo ubona ko igisubizo gishobora kidahuye, kandi iryo suzuma ryafasha mu ireme ry'ibisubizo. Urugero, ushobora guhitamo gusuzuma niba usubiza ashidikanya, atabishaka cyangwa kurundi ruhande aguha ibimenyetso by'uko akubeshya cyangwa ari kwitiranya ibintu. icyo gihe isuzuma ni ngombwa niba umwana ari umunyamuryango cyangwa umuturanyi akavuga ibintu bitandukanye nibyo usubiza yasubije. Isuzuma ni igitekerezo cyiza na none niba ubonye ikintu wowe ku giti cyawe, nk'ikintu kiramba usubiza ashobora kuba adafite, hari nkumwana uri kurira mu ruriro kandi atabazwe nk'umunyamuryango wo muri urwo rugo, bishobora kugaragara ko usubiza atavugishije ukuri.

Muri rusange, ikoreshwa rya (*Simple Poverty Scorecard*[®]) rizamera neza bishoboka nk'ikoreshwa rya (2010/11 EICV). Urugero, ikaganiro cyo gushyira mu cyiciro cy'ubukene kizabera mu rugo rw'usubiza kubera ko n'ikiganiro cya (2010/11 EICV) nacyo cyaberaga mu rugo.

Tugendeye ku biri mu *Gitabo*, "Umukarani w'ibarura afite umurimo w'ingenzi cyane mu ibarura kuko ariwe ugirana ibiganiro n'abatanga amakuru akenewe. Ibi bisaba ko agira imyifatire myiza kugira ngo abo baganira bamusubize batishisha. Mugomba rero kwitwararika amabwiriza ari muri iki *Gitabo* mukayifashisha buri gihe bibaye ngombwa. . . . Ntimugomba na rimwe guhindura amabwiriza muhawe.

“Ni ngombwa buri gihe gusoma ibibazo nk’uko byanditswe ku ntonde z’ibibazwa. Nyuma yo gusoma ikibazo ku buryo bwumvikana, umukarani w’ibarura ategereza ko ahabwa igisubizo. Iyo ubazwa akabije gutinda gusubiza, biba bitewe n’imwe muri izi mpamvu:

- Nntiyumvise ikibazo
- Ntiasobanukiwe ikibazo
- Nta gisubizo agifitiye”

Ibanga ry’ibikubiye mu biganiro mu ngo:

Tugendeye ku biri mu *Gitabo*, “Ni ngombwa kubibutsa ko ibisubizo muhabwa mu ibarura byose ari ibanga.

“Ikindi, ibibazo byose bigomba kubazwa uwo muganira mwiherereye kugira ngo byumvikane ko ibisubizo bizagirwa ibanga. Haramutse hari abandi bantu igihe muganira, bishobora gutuma ubazwa atanga ibisubizo binyuranyije n’ukuri. Ni byiza rero ko hakorwa ibishoboka kugira ngo ikiganiro gikorwe mu muhezo usesuye.”

Tugendeye ku biri mu *Gitabo*, “Umukarani w’ibarura agomba kwitwararika ibi bikurikira:

- Kugira ikinyabupfura imbere ya buri wese (abayobozi, ababazwa, abo babana, umugenzuzi, abo bahuriye mu kipe, n’abandi). Imyitwarire myiza ituma uwo ari we wese aha agaciro ibyo mukora; kutiyandarika (ubusinzi n’izindi ngeso z’urukozasoni)
- Kwirinda kubangamira abandi mu buryo ubwo ari bwo bwose
- Kwambara mu buryo butarangaza abandi, kugira ngo ubazwa abagirire icyizere, abone ko muri inyangamugayo
- Kubahiriza gahunda kuko mutagomba gutuma ubazwa abategereza kandi yigomwe umwanya we wo kwikorera imirimo. Bibaye ngombwa ko mukererwa bitewe n’impamvu yumvikana, mugomba kumenyesha urugo rubategereje ko muza gukererwa, ndetse mukabaha indi saha yo kubonana
- Kwihangana no gushishoza mu gihe muganira mwirinda kubangamira ubazwa ngo mube mwatuma atanga ibisubizo bidahuye n’ukuri kuriho”

Tugendeye ku biri mu *Gitabo*, “Hari ibice byinshi by’ibibazo ingo nyinshi zishobora gusubiza zitishisha. . . . Ariko, hari ibice by’ibibazo bishobora kubatera kwishisha. . . . Ni ngombwa rero gukora uko bishoboka kugira ngo ibiganiro bikorwe muri mu muhezo. Wasobanurira mu kinyabupfura gishoboka cyose uwo ariwe wese ikiganiro kitareba ko ari ngombwa ko icyo kiganiro kiba mu ibanga.”

Ubazwa ninde:

Dushingiye ku byanditse ku rupapuro rwa mbere rw'urutonde rw'ibibazo, umuntu ubarurwa ni “byaba byiza ko yaba ari umutware w’urugo. Ariko iyo atabonetse, undi muntu mukuru uba mu rugo ashobora gutanga ibisubizo ku bibazo bireba ababa muri urwo rugo.”

Usubiza ntagomba kuba ari ukora mu kigo cyanyu.

Tugendeye ku biri mu *Gitabo*, “Ubazwa ku byerekeye igika cya I yagombye kuba ari umutware w’urugo. Iyo adahari cyangwa bibaye ngombwa ko agenda, mugomba gushaka undi muntu mwahitamo akamusimbura. Ni ngombwa ko umusimbura aba ashobora gutanga amakuru yose akenewe ku bagize urugo bose. Abandi bantu bagize urugo nabo bashobora kwinjira mu kiganiro bakagenda buzuzanya mu gusubiza, cyane cyane iyo ibisubizo birebana n’ibyo bazi.”

Tugendeye ku biri mu *Gitabo*, “Umutware w’urugo yerekanwa n’abagize urugo ubwabo. Niwe werekanwa iyo umukarani w’ibarura abajije iki kibazo ngo: ‘Umutware w’urugo ni nde?’ Akenshi ariko si buri gihe, uwo muntu aba ari ufite uruhare runini mu gutunga urugo, kandi azi neza ibyo abagize urugo bakora. Ashobora kuba umugore cyangwa umugabo.”

Kubaza:

Tugendeye ku biri mu *Gitabo*, “Mu gukora ibiganiro, mugomba kubaza ibibazo byose neza nk’uko byanditse ku rutonde rw’ibibazwa, mukurikiza amabwiriza akubiye muri iki *Gitabo* cyangwa mu rutonde rw’ibibazwa. Urutonde rw’ibibazwa rwuzuzwa mu gihe cy’ikiganiro. Ntimugomba kwandika ibisubizo ku kandi gapapuro ngo muze kubyandukura nyuma. Ntimugomba no kwizera ko mushobora gufata mu mutwe ibyo bababwiye ngo muze kwuzuzwa urupapuro mumaze kuva muri urwo rugo. Mugomba kwitwararika ibi bikurikira :

- Kwirinda amarangamutima. Akenshi, abantu baba bitonze cyane iyo bari kumwe n’abo batamenyeranye, bigatuma bashaka gutanga ibisubizo bitaribyo cyangwa kwifata ukuntu byashimisha umushyitsi
- Kwirinda kwerekana ko mutangaye, mugaye cyangwa mushimye iki n’iki mu byo ubazwa avuze, kandi ntimukamubwire uko mwe mubyumva. Naramuka ababajije uko mubibona, mutegereze ikiganiro kirangire mubone kubivuganaho
- Kwirinda kujya impaka ku bibazo n’ubazwa. Ubazwa natanga ibisubizo bitagira aho bihuriye n’ibibazo cyangwa bikomeye, ntimugahite mumuhagarika ahubwo muzumve ibyo avuga, maze mugende mumugarura ku kibazo nyacyo. Mwibuke ko ari mwe muyobora ikiganiro”

Gusuzuma intonde z'ibibazwa zujijwe:

Tugendeye ku biri mu *Gitabo*, “Nyuma y’ikiganiro, mugomba kureba niba ibice byose byujijwe neza kandi ku buryo busomeka. Mugomba kwemeza ko mwabajije ibibazo byose bya ngombwa ku bagize urugo bose, nk’uko bisabwa muri buri gika. Ibyo bigomba kuba ikiganiro kikirangira.

“N’ubwo haba udukosa tumwe na tumwe twaterwa no kwandika nabi mushobora gukosora, ntimugomba na rimwe kugira icyo muhindura mutabanje kwongera kubaza ibibazo ubazwa.”

Amabwiriza ku birango by'imbonerahamwe zihariye

1. Ni abanyamuryango bangahe b'uru rugo bafite imyaka 17 kumanura?
 - A. Batanu cyangwa hejuru
 - B. Bane
 - C. Batatu
 - D. Babiri
 - E. Umwe
 - F. Nta numwe

Tugendeye ku biri mu *Gitabo*, “*Urugo*: ni abantu baba hamwe, basangira bakaba bamaranye nibura amezi atandatu abanziriza ibarura. Hari uburyo bugomba kwitabwaho by'umwihariko:

- Abacumbitse cyangwa abashyitsi babanye n'abo mu rugo bakanasangira ntibabarirwa mu barugize
- Abantu bapfuye mu mezi 12 ashize ntibabarirwamo, n'ubwo baba barabanye n'abo bari mu rugo igihe kirenze amezi 6
- Impinja ziri muni y'amezi 6 zibarwa nk'abagize urugo
- Abageni bamaze iminsi bashyingiwe (n'iyi baba bataramara amezi 6) bakaba barasubiye iwabo babarwa nk'ababa mu rugo
- Umuntu ufatwa ko ari umutware w'urugo buri gihe abarwa nk'uba mu rugo n'ubwo yaba yamaranye n'ababa muri urwo rugo amezi ari muni y'atandatu mbere y'ibarura
- Abantu bamaze igihe hanze bakaba bamaze kugaruka nabo babarwa nk'abagize urugo
- Umuntu wese waba amaze kwakirwa mu rugo akaba ateganya kuhamara igihe kirenze amezi 6 nawe abarwa nk'uwo mu rugo
- Umuntu wese wamaze amezi 6 atari mu rugo kandi ataba mu rundi rugo, urugero: abanyeshuli bacumbikiwe n'ikigo

“Amoko y'ingo ni aya:

- Urugo rugizwe n'umutware warwo, abo bashakanye n'abana babo, se, mwishywa we n'abandi bantu (abo bafitanye isano cyangwa batayifitanye), baraye mu nzu imwe bakanasangira mu mezi 6, mu gihe cy'amezi 12 yabanjirije ikiganiro cy'ibarura
- Urugo rw'umuntu mukuru umwe
